**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUBAVU**

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP/ECON 00079/2021/TGI/RBV GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA.**

Umwaka w'i 2022, umunsi wa 22 w'ukwezi kwa Mata;

Twebwe DUSABIMANA Sylvère, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, dufashijwe na AYINKAMIYE Esperance, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza **RP/ECON 00079/2021/TGI/RBV**, Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Rubavu bukurikiranyemo **NGABIZIRANGA EMMANUEL na bagenzi be**, icyaha cyo kunyereza umutungo n'icyaha cyo guhimba no gukoresha inyandiko mpimbano, ruzaburanishwa ku wa **26/05/2022**.

Tumaze kubona ko **NGABIZIRANGA EMMANUEL wahoze ari Umucungamutungo wa Koperative KOTIBANYA**, ikorera mu mudugudu wa Bazirete, Akagali ka Nyarushyamba, Umurenge wa Nyakiriba, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba, udafite aho abarizwa hazwi, umunyarwanda, utarakatirwa n'inkiko bizwi, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera.

Dushingiye ku ngingo za 160 na 161 z'Itegeko n°027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

Dutegetse **NGABIZIRANGA EMMANUEL kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu ku wa 26/05/2022 saa mbili za mu gitondo,** ku cyicaro cyarwo mu murenge wa Gisenyi, kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari.

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha, iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Umurenge wa Nyakiriba, no ku biro by'Akarere ka Rubavu.

Bikorewe i Rubavu mu mwaka, umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| | |
|---|---|
| **Umucamanza** | **Umwanditsi** |
| **DUSABIMANA Sylvère** | **AYINKAMIYE Espérance** |

URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUBAVU